



# Isiganwa Rigamije Ubumwe Muri Afurika

Daniel Tuyisenge
Brian Wambi

Kinyarwanda

African Storybook.org



Rukundo na Murenzi ni inshuti zikunda kwiruka. Birukaga buri munsi bari kumwe.




Umunsi umwe, Rukundo aravuga ati: "reka tuzenguruke umugabane wacu. Twiruke dushyigikire igitekerezo cy'ubumwe bwa Afurika!" Murenzi ati: "ahubwo twatinze! Tugende!"



Bafashe ikemezo cyo kwitwaza urumuri rw'ubumwe mu rugendo rwabo. Batangiriye isiganwa ryabo kure iyo mu magepfo y'umugi wa Cape.




Baturutse muri Afurika y'Epfo bakomereza ku nkombe z'iburengerazuba. Banyuze Namibiya, Angola, Repubulika Ihananira Demokarasi ya Kongo na Kameruni. Baruhukira Abuja.



Abasiganwa bo muri Afurika y'Iburengerazuba bifatanije na bo bageze muri Nijeriya. Bakomereje hamwe, bakurikira uruzi rwa Nijeri bakomeza mu burengerazuba.



Umuyaga wo mu butayu muri Mali wababereye inkomyi. Murenzi ni we warushaga imbaraga abandi. Nuko arabayobora bakomeza urugendo.



Ku nkombe ya Gineya muri Konakiri abirukaga bari bahindanyijwe n'ivumbi bagiye koga mu nyanja. Hanyuma bakomereza muri Maroke banyuze muri Senegari na Moritaniya.




I Kasabulanka abirukaga bakinnye n'urundi rubyiruko ku nkombe z'inyanja. Hanyuma, barahaguruka bakomereza mu majyaruguru y'Afurika.



Banyuze muri Alijeriya na Libiya bahagara mu Misiri kugira ngo basure za piramide. Hanyuma bakomereje iburasirazuba, bakurikiye uruzi rwa Nili berekeza mu Bugande.



Barirukanse baca mu butayu na pariki z'ibihugu bitandukanye. Urundi ribyiruko rwifatanije na bo bageze i Kampala. Nuko iryo tsinda ryose rikomereza ku nkombe za Kenya.



I Mombasa bicaye ku mucanga barya umuceri n'amafi. Maze Murenzi aravuga ati: "Reka dufate urumuri rw'ubumwe turujyane ku musozi wa Kirimanjaro."



Ariko Murenzi yari ananiwe. Igihe berekezaga muri Tanzaniya yituye hasi. Abirukaga bose barahagarara basubira inyuma ngo bamutabare.



Murenzi ahereza Rukundo rwa rumuri. Aravuga ati: "Jyana uru rumuri ku musozi wa Kilimanjaro. Mucane urumuri rw'ubumwe bw'umunyafurika."



Abantu bishimira abasianwaga bati: "Muri intwari zacu!" Bakimara gucana urumuri rw'ubumwe ku isunzu rya Kilimanjaro, basiganwe basubira mu magepfo ya Afurika.



Bahagaze gato ngo boge mu kiyaga cya Malawi. Rukundo abwira Murenzi ati "Twavuye mu magepfo tugana mu majyaruguru none turagarutse. Urugendo rwacu ruri hafi kurangira."



Abasiganwaga bagamije Ubumwe byarangiye berekeje urumuri ahitwa Great Zimbabwe. Abantu benshi bahuriye aha hantu h'ingenzi. Murenzi aramwenyura ati: "Mbega isiganwa!"

You are free to download, copy, translate or adapt this story and use the illustrations as long as you attribute in the following way:

Isiganwa Rigamije Ubumwe Muri Afurika

**Author** - Ursula Nafula and Nina Orange
**Translation** - Daniel Tuyisenge
**Illustration** - Brian Wambi
**Language** - Kinyarwanda
**Level** - First sentences

© African Storybook Initiative 2016
Creative Commons: Attribution 4.0
**Source** www.africanstorybook.org